

ITEKA RYA MINISITIRI N°001/17/10/TC RYO KU WA 30/01/2017 RIGENA IBISABWA URUGANDA KUGIRA NGO RWEMERERWE UBUSONERWE BW'UMUSORO KU NYONGERAGACIRO KU MASHINI, IBIKORESHO REMEZO N'IBIKORESHO FATIZO

MINISTERIAL ORDER N° 001/17/10/TC OF 30/01/2017 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR AN INDUSTRY TO BE ENTITLED TO EXEMPTION FROM THE VALUE ADDED TAX ON MACHINERY, CAPITAL GOODS AND RAW MATERIALS

ARRETE MINISTERIEL N°001/17/10/TC DU 30/01/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR QU'UNE INDUSTRIE BENEFICIE DE L'EXONERATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE SUR LES MACHINES, BIENS D'EQUIPEMENT ET MATIERES PREMIERES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Ibisobanuro by'amagambo

**Article 2:** Definitions of terms

**Article 2:** Définitions des termes

**Ingingo ya 3:** Ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro

**Article 3:** Requirements for an industry to be entitled to the value added tax exemption

**Article 3:** Conditions requises à une industrie pour l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée

**Ingingo ya 4:** Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka

**Article 4:** Repealing provision

**Article 4:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 5:** Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**Article 5:** Commencement

**Article 5:** Commencement

**ITEKA RYA MINISITIRI N°001/17/10/TC RYO KU WA 30/01/2017 RIGENA IBISABWA URUGANDA KUGIRA NGO RWEMERERWE UBUSONERWE BW'UMUSORO KU NYONGERAGACIRO KU MASHINI, IBIKORESHO REMEZO N'IBIKORESHO FATIZO**

**MINISTERIAL ORDER N° 001/17/10/TC OF 30/01/2017 DETERMINING THE REQUIREMENTS FOR AN INDUSTRY TO BE ENTITLED TO EXEMPTION FROM THE VALUE ADDED TAX ON MACHINERY, CAPITAL GOODS AND RAW MATERIALS**

**ARRETE MINISTERIEL N°001/17/10/TC DU 30/01/2017 DETERMINANT LES CONDITIONS REQUISES POUR QU'UNE INDUSTRIE BENEFICIE DE L'EXONERATION DE LA TAXE SUR LA VALEUR AJOUTEE SUR LES MACHINES, BIENS D'EQUIPEMENT ET MATIERES PREMIERES**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;**

**The Minister of Finance and Economic Planning;**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Republika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122, iya 164 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122, 164 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122, 164 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n°37/2012 ryo ku wa 09/11/2012 rishyiraho umusoro ku nyongeragaciro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 6;

Pursuant to Law n°37 /2012 of 09/11/2012 Establishing value added tax as modified and complemented to date, especially in Article 6;

Vu la Loi n° 37/2012 du 09/11/2012 portant instauration de la taxe sur la valeur ajoutée telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 6;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/12/2016, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/12/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/12/2016;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ibikoresho remezo n'ibikoresho fatizo.

This order determines the requirements for an industry to benefit from exemption from the value added tax on machinery, capital goods and raw materials.

Le présent arrêté détermine les conditions requises pour qu'une industrie bénéficie de l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, biens d'équipement et matières premières.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **gasutamo:** ishami ry'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro rishinzwe kwakira imisoro n'amahoro ku bicuruzwa byinjira n'ibisohoka;
- 2° **Komiseri Mukuru:** Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro.

**Ingingo ya 3: Ibisabwa uruganda kugira ngo rwemererwe ubusonerwe bw'umusoro ku nyongeragaciro**

Kugira ngo uruganda rwemererwe gusonerwa umusoro ku nyongeragaciro ku mashini, ibikoresho remezo n'ibikoresho fatizo, hagomba kubahirizwa ibi bikurikira:

- 1° uruganda rugomba kuba rufitwe na sosiyete yiyandikishije mu Rwanda;
- 2° uruganda rugomba kuba rugamije gutunganya ibikoresho fatizo ngo rubikoremo ibintu byo gucuruza cyangwa ngo rukore ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ;
- 3° ubusonerwe bugomba kuba busabirwa imashini, ibikoresho remezo cyangwa ibikoresho fatizo bigaragara ku rutonde rugenwa na Minisitiri ufite inganda mu

**Article 2: Definitions of terms**

In this Order, the following terms have the following meaning:

- 1° **customs:** department of the Rwanda Revenue Authority in charge of collection of taxes on imported and exported goods;
- 2° **Commissioner General:** Commissioner General of Rwanda Revenue Authority.

**Article 3: Requirements for an industry to be entitled to the value added tax exemption**

In order for an industry to be eligible for the value added tax exemption on machinery, capital goods and raw materials, the following requirements must be fulfilled:

- 1° the industry must be registered as a company in Rwanda;
- 2° the industry must aim at processing raw materials to produce goods for sale, or for mining and quarry exploitation;
- 3° exemption must only be applied for machinery, capital goods or raw materials appearing on the list established by the

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:

- 1° **douane:** département de l'Office Rwandais des Recettes chargé de la collecte d'impôts et taxes sur les importations et exportations;
- 2° **Commissaire Général:** Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes.

**Article 3: Conditions requises à une industrie pour l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée**

Pour qu'une industrie puisse bénéficier de l'exonération de la taxe sur la valeur ajoutée sur les machines, biens d'équipement et matières premières, les conditions suivantes doivent être remplies:

- 1° l'industrie doit être enregistrée comme une société au Rwanda ;
- 2° l'industrie doit avoir comme objectif la transformation des matières premières en vue de la production des biens destinés au commerce ou pour l'exploitation des mines et carrières ;
- 3° l'exonération doit être demandée uniquement pour les machines, équipements industriels et matières premières figurant sur la liste établie par le

*Official Gazette n° 07 of 13/02/2017*

nshingano ze rukemezwa na Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

Minister in charge of industry and approved by the Minister in charge of taxes;

Ministre ayant l'industrie dans ses attributions et approuvée par le Ministre ayant les impôts dans ses attributions ;

4° ubusabe bugomba kugaragaza isano itaziguye iri hagati y'ibintu bisabirwa ubusonerwe n'akazi kakorwa n'uruganda ;

4° the application must indicate the direct link between the goods for which exemption is sought and the industrial activity that would be carried out;

4° la demande doit montrer le lien direct existant entre les biens pour lesquels l'exonération est demandée et l'activité industrielle qui peut être menée;

5° ubusabe bugomba gushyikirizwa Komiseri mu buryo bwagenwe n'Ubuyobozi bw'Imisoro iyo ubusonerwe busabirwa imashini, ibikoresho remezo, n'ibikoresho fatizo byakorewe mu Rwanda ;

5° the application must be addressed to the Commissioner General in accordance with the procedure established by the Tax Administration, if the exemption applied for concerns machinery, capital goods and raw materials that are locally produced in Rwanda;

5° la demande doit être adressée au Commissaire General suivant la procédure établie par l'Administration Fiscale, si l'exonération demandée concerne des machines et équipements industriels et des matières premières qui sont fabriqués au Rwanda ;

6° inyandiko imenyekanisha igomba gushyikirizwa Komiseri wa Gasutumo iyo ubusonerwe busabirwa imashini, ibikoresho remezo n'ibikoresho fatizo byatumijwe mu mahanga.

6° a declaration form must be submitted to the Commissioner for Customs if the exemption is applied for machinery, capital goods and raw materials that are imported.

6° une feuille de déclaration doit être soumise auprès du Commissaire aux Douanes si l'exonération est demandée pour des machines, équipements industriels et matières premières importés.

**Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri teka**

**Article 4: Repealing provision**

**Article 4: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All other prior provisions contrary to this Order are repealed.

Toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 5: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

**Article 5: Commencement**

**Article 5: Commencement**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

*Official Gazette n° 07 of 13/02/2017*

Kigali, ku wa **30/01/2017**

(sé)  
**GATETE Claver**  
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on **30/01/2017**

(sé)  
**GATETE Claver**  
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **30/01/2017**

(sé)  
**GATETE Claver**  
Ministre des Finances et de la Planification  
Economique

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux